**FEDERATION RWANDAISE DES PUERI CANTORES**
**Tel : 0788607964 / 0788563222**

~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~

Kigali , kuwa 29 Gicurasi 2025

**Ku Abayobozi b' Amatorero ya**

**Pueri Cantores ( Bose)**

**Impamvu:** Kumenyesha igihe ihuriro ry' Abana b' Abaririmbyi rizabera ndetse n' ibisabwa

Ba Nyakubahwa Bayobozi;

Hashingiwe ku nama yabaye taliki ya 24 Gicurasi 2025 yahuje abagize Komite y' Umuryango w' Abana b' Abaririmbyi ku rwego rw' Igihugu ndetse n' Abayobozi b' Umuryango w' Abana b' Abaririmbyi ku rwego rwa Diyoseze yasuzumaga ibikenewe kugirango ihuriro riteganijwe muri uyu mwaka ribashe kuba; Mu izina rya "Federation Nationale des Pueri Cantores", nejejwe no kubagezaho amatariki y' ihuriro ndetse n' ibisabwa mu kuryitabira. Ihuriro rizabera muri Arikidiyosezi ya Kigali mu Rwunge rw' Amashuri rwitiriwe Mutagatifu Andereya (Saint Andre) I Nyamirambo kuva taliki ya **25 Kanama 2025** Kagera **taliki ya 28 Kanama 2025.** Nk' uko mwabimenyeshejwe insanganyamatsiko ya y' ihuriro iragira iti "**Turangamire Kristu soko y' amizero ubuvandimwe n' amahoro".**

Ni muri urwo rwego abazitabira ihuriro basabwa ibi bikurikira:

- Buri torero rizitabira rizohereza abantu batarenze **Makumyabiri na Batanu (25)**
- Kwishyura amafaranga angana n' Ibihumbi **Umunani na Magana Atanu (8,500 Frw)** azatangwa na buri muntu uzitabira ihuriro. Aya mafaranga akazatangwa bitarenze taliki **ya 15 Kanama 2025.**
- Amafaranga yo kwiyandikisha angana na **Magana Atanu (500 Frw)** ku muntu wese uzitabira ihuriro. Aya mafaranga akazatangwa bitarenze taliki **ya 15 Nyakanga 2025.**
- Amafaranga angana n' Ibihumbi **Makumyabiri na Bitanu (25,000 Frw)** azatangwa na buri torero riri muri Federation Nationale. Aya mafaranga akazatangwa bitarenze taliki **ya 15 Nyakanga 2025.**
- Abazaherekeza abana bazishyura Ibihumbi **Cumi na Bibiri (12,000 Frw**). Aya mafaranga akazatangwa bitarenze taliki **ya 15 Kanama 2025.**
- Amatorero yari yaratanze amafaranga yo kwiyandikisha ndetse nay'ifunguro ntayandi bazatanga ahubwo bazasabwa kwishyura azaba asigaye.

Ku bijyanye n' ibigenderwaho mu guhitamo abana bazitabira ihuriro, ni ibyari bisanzwe ntacyahindutse nkuko twari twabibamenyesheje mbere. Mu rwego rwo kwitegura neza iri huriro, umusanzu w' uyu mwaka wajyaga utangwa na buri torero ungana n' amafaranga **ibihumbi Icumi (10,000 Frw)** urasonewe.
~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~

**FEDERATION RWANDAISE DES PUERI CANTORES**
**Tel : 0788607964 / 0788563222**

~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~

Abayobozi b'Umuryango muri Diyosezi barasabwa gufasha Abayobozi b'Amatorero bayoboye mu gutunganya lists z' abazitabira ihuriro no kuzigeza ku bo bireba ku gihe.

**Icyitonderwa:** Amafaranga yose azanyuzwa kuri konti ya Federation Nationale ifunguye muri RIM LTD. **Konti :0003104091 . Izina : Reseau Interdiocesains des Microfinance (RIM**). Nta mafaranga azishyurwa cash (mu ntoki) keretse abamaze kuyatanga kandi nabo bakazahabwa urupapuro rugaragaza ko bayishyuye ruzatangwa n' Umubitsi.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri izi numero zikurikira: **0788809313; 0787939608; 0782750072; 0788542617.**

Mugire amahoro!

Mutagatifu Dominiko Saviyo adusabire!




**HAKIZIMANA Landouard**
**Perezida w' Umuryango w' Abana b' Abaririmbyi mu Rwanda**

**Bimenyeshejwe:**

-Padiri Aumonier w' Abana b' Abaririmbyi mu Rwanda

-Vice President w' Umuryango w' Abana b' Abaririmbyi mu Rwanda

-Padiri Uyobora Urwunge rw' Amashuri rwitiriwe Mutagatifu Andereya I Nyamirambo

- Padiri Aumonier wa Pueri Cantores muri Paroisse

-Abayobozi b' Umuryango w' Abana b' Abaririmbyi muri Diyoseze.
~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~~